# INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE

# UMUGOROBA W'ABABYEYI

**Kigali, Werurwe, 2013**

# UMUGOROBA W'ABABYEYI

## AMAVU N'AMAVUKO Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ni igitekerezo cyavutse mu mwaka 2010, watangiye ari "Akagoroba k'Abagore" kabashaga gukemura ibibazo bahura nabyo, ariko kubera akamaro kagaragaje ubu kakaba gahuza ababyeyi bombi, abagore n'abagabo. Inama y'Igihugu y'Abagore ikaba iwutangije ku mugaragaro muri uyu mwaka wa 2013.

## I. IBISOBANURO

Ni urubuga Ababyeyi b'Abagore n'Abagabo bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku ngamba zafatwa n'abagize Umuryango kugira ngo barusheho kunoza imibanire yabo, bakumira kandi bakemura amakimbirane ashobora kuvuka mu ngo, mu baturanyi cyangwa ahandi aho ariho hose.

## II. INSHINGANO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- Gufasha ababyeyi kungurana ibitekerezo ku mibanire n'imibereho yabo;
- Gufasha ababyeyi kunoza uburere bw'Abana babo.
- Gutega amatwi no kugira inama ababyeyi cyangwa abana bahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa cyangwa andi makimbirane.
- Kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa za gahunda z' iterambere ry'Igihugu .
- Kuganira ku bibazo bitandukanye bigaragara mu muryango.
- Gusangira ubuhamya no kwigira ku bandi uburyo bakoresheje mu gukemura ibibazo mu rugo.

- Gutegura urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa gukomera ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda , kuganira n'urubyiruko ku buzima bw'imyororokere no kwitegura gushing urugo.
- Gusura imiryango hagamijwe kurushaho kumenyana, gusabana no gukumira amakimbirane.

## III. ABAGIZE UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ugizwe n'Abagore n'Abagabo. Ushobora gutumirwamo abasore n'inkumi, abana b'abakobwa n'ab'abahungu bitewe n'ingingo ziganirwaho.

## VI. INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- Inama Rusange y'Umugoroba w'ababyeyi igizwe n'ababyeyi bose batuye Umudugudu.
- Komite mpuzabikorwa igizwe na Perezida ,Visi Perezida n'Umwanditsi , abajyanama babiri, bazwiho ubunyangamugayo kandi bagira ibanga, batorerwa manda y'imyaka ibiri, ishobora kongerwa inshuro imwe.

## V. URWEGO UMUGOROBA W'ABABYEYI

- Umugoroba w'Ababyeyi ukorera ku rwego rw'Umudugudu.

## VI. UMUNSI N'INGINGO ZIGANIRWAHO MU MUGOROBA W'ABABYEYI

- Umugoroba w'ababyeyi uterana nibura rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Umunsi n'Ingingo ziganirwaho mu mugoroba w'Ababyeyi byemezwa n'Ababyeyi batuye Umudugudu.

Ariko mu Ntagiriro bashobora gutangira kuganira ku:

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorerwa mu ngo;
- Kurwanya imirire mibi hakoreshejwe Akarima k'Igikoni n'ibiti by'Imbuto ziribwa.
- Kuganira ku isuku hibandwa ku isuku y'Abana no mu nzu (Gukurungira inzu).
- Gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo yo mu rugo (Biogaz, Rondereza, gufata amzi y'imvura,...).
- Gukorana n'ibigo by'imari hibandwa kuri Gahunda yo korohereza urubyiruko n'Abagore kugera ku nguzanyo.

## VII. INYANDIKOMVUGO Z'INAMA Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- ❖ Inyandikomvugo z'inama z'Umugoroba w'Ababyeyi zandikwa n'Umunyamabanga, zigasinywa n'Umunyamabanga na Perezida cyangwa Visi Perezida w'Umugoroba w'Ababyeyi.
- ❖ Ibibazo bitashoboye gukemurwa n'Umugoroba w'Ababyeyi byohererezwa Umukuru w'Umudugudu, Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu ikagenerwa kopi.